Rwanda Standards Board

ISO 9001 Certified

Kigali: 19/11/2024

Reference: 1169/RSB/DG/NSD/2024

**GUHAMAGARIRA ABABYIFUZA KWITABIRA AMAHUGURWA Y'UBURYO BWO KUNOZA UBUZIRANENGE BW'IBIRIBWA HASHINGIWE KU IBWIRIZA RY'UBUZIRANENGE *RS 184:2023* — HACCP**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyashyizeho gahunda ihoraho yo kongerera inzego za leta n'abikorera ubumenyi ku mabwiriza y'ubuziranenge n'ishyirwa mu bikorwa ryayo mu rwego rwo kurushaho kunoza ubuziranenge n'ubwiza bw'ibicuruzwa ndetse hanatangwa serivisi zinoze, ibyo bigafasha mu guhiganwa ku isoko ry'imbere mu gihugu, iryo mu karere ndetse n'iryo ku rwego mpuzamahanga.

Abazitabira ayo mahugurwa bazahabwa ubumenyi bwimbitse buzabafasha kumenya neza ibisabwa n'ibwiriza ry'ubuziranenge ryavuzwe haruguru, bityo bibafashe gushyiraho uburyo buboneye bwo gukumira ibyatuma ubuziranenge bw'ibiribwa butagerwaho.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye ikaba inaboneyeho guhamagarira abafite aho bahuriye na serivisi zavuzwe haruguru babyifuza kwiyandikisha basaba kwitabira aya mahugurwa azamara iminsi itanu(5) ateganijwe gutangira kuwa **9 kugeza ku wa 13 Ukuboza 2024** kuri Grand Legacy Hotel, Kigali. Abifuza kuyitabira basabwe kuzuza ifishi yabugenewe bitarenze kuwa **27 Ugushyingo 2024**.

Uwifuza kwiyandikisha yakwifashisha umurongo ukurikira: https://forms.gle/d1VSofM1WbCuQtFL6. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri wese ifishi ye.

Kubyerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro, mwahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone igendanwa **+250788212673** cyangwa mukamwandikira kuri email: **dj.mukabayizere@rsb.gov.rw**.

Bikorewe i Kigali ku wa 19/11/2024

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB)
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**